TUMENYE BIBILIA
IKIGANIRO: 0064

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y'Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Nk'uko umaze kubimenyera, mbere yuko ntangira reka mvuge ku ncamake y'ikiganiro twize ubushize; abanyabwenge bakimara kuramya Yesu IMANA yababwiriye mu nzozi kunyura iyindi nzira mu gutaha kwabo, maze barayumvira. Herode abuze amakuru ahitamo kwica abana bato bose bakivuka bafite imyaka ibiri, na bari munsi y'imyaka ibiri. Mbega umwami w'umugome!! Twumvise nanone ko Marayika w'Umwami Mana yategetse Yosefu guhungisha umwana Yesu muri Egiputa.

Mu kiganiro cyacu giheruka kandi, twumvise ibya Yohana umubatiza, uburyo yari umuntu udasanzwe, inshuti kandi afite n'ubutumwa. Yari afite imico yo mu isezerano rya kera yinjiranye mu isezerano rishya, niwe muhanuzi wa nyuma wo mu isezerano rya kera. Uyu kandi yaje ari integuza ya Yesu Kristo

Mu kiganiro cy'uyu munsi ndagaruka ku nkuru ya Yohana Umubatiza, ndavuga kandi n'ibijyanye no kubatizwa kwa Yesu; reka dutangire dusoma mu butumwa bwiza bwa Matayo igice cya 3 ku murongo wa 10:

"Ndetse ubu intorezo igezwe ku bishyitsi by'ibiti nuko igiti cyose kitera imbuto nziza kizacibwa, kijugunywe mu muriro". Mt 3: 10

Ikintu cyo kugira imbuto kiravugwa cyane mu isezerano rishya, kandi imbuto ziba nziza cyangwa mbi bitewe n'igiti. Igiti cyera imbuto n'ubundi, ni ikigira imbuto kandi izo mbuto ni iz'icyo giti n'ubundi. Igiti cy'avoka cyera amavoka, icy'amapera kikera amapera. Igiti cy'amahwa ntigishobora kwera avoka, kandi kigomba gutemwa. Igiti n'imbuto ntibisigana, kandi igiti cyiza nicyo cyera imbuto nziza; ari nabyo Yohana umubatiza yavugaga hano: Yavuze ko igiti kibi cyose kigiye gutemwa kikajugunywa mu muriro. Ukomeje imbere dusoma ngo: "**Jyeweho ndababatirisha amazi ngo mwihane ariko uzaza hanyuma yanjye andusha ubushobozi ntibinkwiriye no kumutwaza inkweto. Ni we uzababatirisha Umwuka Wera n'umuriro".Mt 3:11**

Hano Yohana yaravuze ngo Jye ndababatirisha amazi ati ariko hari undi uzaza kandi ubwo azaza azababatirisha Umwuka Wera n'umuriro; none dore imyaka irenze 2000 irashize; ni ukuvuga ngo turi mu bihe by'Umwuka Wera, kandi Yesu abatirisha abantu uwo Mwuka Wera. Nyamara ariko kandi azababatirisha umuriro ubwo azagaruka, kandi uwo muriro uvugwa ni urubanza.

Umuntu ashobora kuvuga ati ku munsi wa Pentekoti abigishwa babatijwe mu Mwuka Wera n'umuriro kuko indimi z'umuriro zabamanukiye, ururimi rujya kuri buri wese. Nshuti yanjye ni

byiza ko wasoma mu **Ibyak. 2:2-3** handitse ngo: **Nuko umuriri ubatungura uvuye mu ijuru umeze nk'uwumuyaga uhuha cyane ukwira inzu bari bicayemo. Haboneka indimi zigabanyije zisa n'umuriro, ururimi rujya ku muntu wese wo muri bo.** Ntabwo byari umuyaga, nta nubwo byari umuriro; kwari ukuza kwa Umwuka Wera, gusa byari ibintu amaso abasha kubona n'ibyo amatwi abasha kumva. Icyo gihe mbere Umwuka ataraza, nta mubatizo wa Mwuka Wera wabagaho. Reka ngusubiriremo iki, ko umubatizo w'umuriro uzabaho Yesu agarutse; muri iki gihe cy'Umwuka Wera, uwizeye wese abatizwa muri uwo mwuka; byerekana ko umubiri w'uwizera ubarwa nk'umubiri wa Kristo. Si iby'umuntu umwe cyangwa bamwe, ahubwo abizera bose babatizwa muri uwo Mwuka, bigatuma aba igice cy'umubiri wa Kristo. Uku ni ukuri gukomeye kw'ijambo ry'IMANA.

Akomeza avuga ku kugaruka kwa Kristo, Yohana yagize ati**: intara ye iri mu kuboko kwe kandi azeza imbuga ye cyane, amasaka ye azayahunika mu kigega ariko umurama azawucanisha umuriro utazima. Mt 3:12.** Dukomeje gusoma turabona aho Yesu na we yaje ngo Yohana amubatize: "**Icyo gihe Yesu ava i Galilaya ajya kuri Yorodani asanga Yohana ngo amubatize". Mt 3:13**

Ibi bivugwa muri uyu murongo birumvikana, ariko reka nkubaze ikibazo kandi unsubize: kuki Yesu yagombaga kubatizwa? Reka turebe igisubizo ku murongo ukurikiyeho: "**Na we ashaka kumuhakanira ati ko ari jye wari ukwiriye kubatizwa na we none ni wowe unsanze? Yesu aramusubiza ati" emera ubikore kugira ngo dusohoze gukiranuka kose. Ahera ko aremera"**. **Mt 3,14-15**

Kuki Yesu yabatijwe? Ibisubizo bishobora kuba byinshi ariko impamvu ya mbere y'ingenzi iri muri iri jambo ngo; *emera ubikore kugira ngo dusohoze gukiranuka kose.* Yesu yafashwe nk'umuntu w'umunyabyaha, ndetse Yesaya we yarahanuye aravuga ngo; yabaranywe n'abambuzi (Yesaya 53:12). Aha ho twavuga ko ari Umwami wemeye kwicisha bugufi, akishyira ku rwego rwabo ayobora. By'ukuri umubatizo ni ubuhamya, kandi ndahamya neza ko ubuhamya ari cyo kintu Yesu yashakaga gutanga mu kubatizwa kwe. Kandi icyatumye Yesu abatizwa ntabwo yashakaga kuduha urugero, yewe si n'uburyo bwo kubatizwa yashakaga kwerekana. Kristo nta cyaha yari afite ntabwo yarakeneye kwihana, ahubwo ni jye nawe dukeneye kwihana. Nta cyaha yari afite, ntawe yahutazaga, ntaho yari ahuriye n'abanyabyaha rwose. Yabatijwe kugira ngo yisanishe n'abantu mu buryo bwuzuye.

Impamvu yindi ya 2 yatumye Yesu abatizwa; nuko amazi y'umubatizo ari ikimenyetso cy'urupfu. Burya urupfu rwe rwari umubatizo. Wibuke ibyo yabwiye Yakobo na Yohana ubwo bashakaga kwicara iburyo bwe, n'ibumoso bwe mu bwami bwe. Ese urabyibuka? Yarababwiye ngo mbese mubasha kunywera ku gikombe nzanyweraho, mukabatizwa umubatizo nzabatizwa? Mt 20:22. Urabibona ko urupfu rwe rwari umubatizo? Yapfuye ku bwanjye nawe.

Impamvu ya 3 yo kubatizwa kwa Yesu nuko muri kiriya gihe yari mu murimo w'ubutambyi. Umwuka Wera amumanukira kubw'umurimo w'ubutambyi kuko icyo Yesu yakoraga cyose

cyakorwaga n'imbaraga z'Umwuka Wera: Bibiliya iravuga ngo Kuko utigeze kumenya icyaha, Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu kugira ngo muri we, duhinduke gukiranuka kw'IMANA (2 Kor 5;21). Yabazweho icyaha ariko muri we nta cyaha yagiraga. Ibyaha byanjye byamubazweho, ariko ntibyamugiyemo nicyo gituma yabatizanyijwe natwe, kandi Petero yavuze ko twakirijwe mu mubatizo (soma 1Pet 3:21). Ariko se mu buhe buryo? Tubarwa hamwe n'Umwami Yesu. Gukizwa ni ukuba muri Kristo tumugeramo gute? Mu mubatizo wo mu Mwuka Wera. Nemera umubatizo wo mu mazi menshi, kuko muri wo tubaranwa na Kristo; we ubwe yarivugiye ati uza aho ndi sinzamwirukana na hato (Yoh 6:37). Tugomba kumenya ko tugomba kubaranwa na Kristo hanyuma bigahamywa n'umubatizo wa Mwuka Wera. Umubatizo wo mu mazi ni ubuhamya bwabyo. Umunsi umwe umuntu umwe yagerageje kubwiriza umusore w'umusare ngo yizere Kristo anabatizwe. Aramubwira ati "musore, kwihana ni ngombwa iyo ubyanze ni ukwigaragambya. Mu gihe wizeye Kristo ugomba kubatizwa kuko ari ikintu cya ngombwa. Iyo utemeye kubatizwa uba wigaragambije wigize ikigenge.

Iyi ngingo y'umubatizo igomba kwitabwaho cyane, uburyo dukwiriye gusohoka tukajya mu ruhande rwa Kristo. Dusubiye ku murongo wa 15 Yesu yasubije Yohana amwongoreye ati "emera ubikore kugira ngo dusohoze gukiranuka kose".

Ku murongo ukurikiyeho havuga hati: **Yesu amaze kubatizwa uwo mwanya ava mu mazi ijuru riramukingukira abona Umwuka w'IMANA amanuka asa n'inuma amujyaho, maze ijwi rivugira mu ijuru riti: Nguyu umwana wanjye nkunda cyane nkamwishimira.Mt 3:16-17**

Aha noneho turabona ubutatu bw'IMANA. Yesu akimara kuva mu mazi, Umwuka wera amumanukira mu ishusho y'inuma hanyuma IMANA Data ivugira mu ijuru.

Data yagize ati: Uyu ni umwana wanjye nkunda cyane nkamwishimira. Umwami Yesu yabazwe nk'abantu, yigize nk'umuntu. Mbega Umwami utangaje!

Duhise twihuta ku **gice cya 4** turabona ***Yesu ageragerezwa mubutayu, atangira kuvuga ubutumwa bwiza mu ruhame i Kaperinawumu, tukamubona ahamagara abigishwa be 4 ba mbere ku Nyanja ya Galileya.***

Reka duhere kukugeragezwa kwe:

Ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Matayo bugenda busobanura ibintu: Yesu yavuye mu ijuru avukira muri twe abantu kugira ngo abaranwe natwe. Yakuze nkuko abandi bana bose bakura, uretse ko nta muntu yahutazaga nta n'icyaha yakoraga. None dore no mu mubatizo nabwo yabikoze nkatwe yishyiraho ibyaha byacu, none dore tugeze aho ageragezwa kuko hariho ibibazo bigomba gusubizwa. Ese hari Umwami wakwemera kugeragezwa? Ese yashobora kunesha? Ijambo kugerageza rifite ibisobanuro bibiri:

1. Gukururira umuntu ku kibi cyangwa gushuka. Hariho ikintu muri twe gihora kidusunikira mu bibi ariko Yesu siko ameze. Umutware w'iyi si yaraje kandi ntacyo ashobora kuntwara (Yoh 14:30). Yesu nta cyaha cyari kimuriho, ntawe ahutaza, mbese yari atandukanye n'abanyabyaha rwose (Abah 7:26). Rero igeragezwa rya Yesu ryagombaga kuba ritandukanye na rya rindi rintera gucumura.

2. Gucisha umuntu mu igeragezwa: IMANA ntigeragesha abantu ibibi nkuko Yakobo yabyanditse 1:13. Cyakora ahandi twasomye ko IMANA yagerageje Abrahamu (Itang. 22,1). Aha IMANA yageragezaga kwizera kwa Abrahamu.

Hano rero Yesu yarageragejwe. Ese yashoboraga kuba yagwa? Reka nsubize iki kibazo mu magambo make cyane mvuge nti oya, ntiyashoboraga kuba yagwa kuko iyo aba yagwa nta Mukiza twari kuba dufite mu by'ukuri.

Birashoboka ko wakwibaza uti ese niba Yesu atarashoboraga kugwa uko kugeragezwa kwe kwari gufite agaciro? Hano nagusubiza ko kugeragezwa kwa Yesu kwari gukomeye cyane kurusha ukundi kugeragezwa kose waba warumvise. Uko uburyo bushya bw'iterambere bugenda buza, bubanza kugeragezwa kugira ngo bigaragare ko ari bwiza kandi bushoboka. Yewe n'izahabu ijya ibanza gucishwa mu muriro ngo barebe ko ari nzima. Ni muri ubwo buryo rero Umwami Yesu Kristo nawe yageragejwe kugira ngo agaragaze uwo ari we koko.

Hano hari ubuhamya nifuje kukubwira bw'umukozi w'Imana umwe yigeze kuvuga ngo: ubwo nabaga Texas hari ahantu hatuwe cyane, nuko baza kuhacisha umuhanda wo mubutaka urakomeza ugera mu wundi mujyi twari twegeranye ukatira ku mugezi wari hafi y'umujyi wacu. Mu gihe cy'impeshyi nta mazi ahagije yabaga ari muri uwo mugezi, ariko mugihe cy'imvura byasabaga kwifashisha ubwato ngo wambuke. Igihe kimwe cy'imvura habaye imyuzure hanyuma amazi arenga ikiraro cya Santa Fe. Hari hashize igihe nta bwato nyuma dukora ikiraro tumara igihe tugikora; hanyuma igihe kimwe haza kuza ibimashini bibiri babihagarika kuri icyo kiraro maze barabyatsa birasakuza cyane ariko ndagira ngo mbabwire ko ari bwo bwa mbere twumvise urusaku cyane kurusha urwaba rwarabayeho mbere muri ako kajyi kacu. Twirutse tujya kureba icyabaye. Duhagaze tureba ibiba, umuturage umwe wacu w'intwari abaza uwari ushinzwe ibyo bimashini ibibazo twari dufite: ibi ni ibiki mukora? Aramusubiza ati turimo kugerageza iki kiraro. Umuntu wacu arongera aramubaza ati; none se urimo gushaka kugisenya? Aramusubiza ati oya rwose nawe urumva ko ntazanywe no kugisenya ati ahubwo turimo kukigerageza kugira ngo turebe ko kitazasenyuka kikagwa.

Nanjye rero nyemerera nkubwire ko kugeragezwa kwa Yesu kutari kugamije kumusenya, ahubwo kwari ukugira ngo kugaragaze uwo ari we, kumwerekane kandi ntiyashoboraga gusenyuka. Nyine kugeragezwa kwe kurenze uburyo twe tugeragezwa. Hari aho kwihangana kwacu kugarukira. "Urangerageza cyane ukanshyiraho igitutu ku iherezo nzagwa" uko niko ukunda kuvuga nyamara Yesu we suko, we arageragezwa bikiyongeranya agakomeza kwihangana.

Ikindi kintu kuri iri geragezwa, ni ukurigereranya ndetse no kuritandukanya no kugeragezwa kwa Eva mu busitani bwa Edeni. Kristo yageragerejwe mu butayu, mu gihe Eva we yageragerejwe mu busitani: urumva ukuntu bitandukanye!

Kuri icyi gice cya 4, ku murongo wa mbere haranditse ngo: **Maze Yesu ajyanwa n'Umwuka mu butayu kugeragezwa n'umwanzi.Mt 4:1**

Yagombaga kugeragezwa n'umwanzi nkuko uyu murongo ubitwereka. Dukomeje gusoma: "…**amaze iminsi 40 n'amajoro 40 atarya abona gusonza. Umushukanyi aramwegera aramubwira ati; Niba uri umwana w'IMANA bwira aya mabuye ahinduke imitsima. Mt 4:2-3**

Iki kimeze neza nk'ikigeragezo Eva yahuye nacyo mu busitani bwa Edeni, kuko ubwa mbere cyagaragaraga n'amaso ko igiti cyari kiza kukirya (soma Itang 3:6). Umwami Yesu yabwiwe guhindura amabuye imitsima. Usomye 1Yoh 2:15-16 havuga ko ikigeragezo nk'icyo ku mukristo ari "irari ry'umubiri".

Aramusubiza ati: Handitswe ngo umuntu ntatungwa n'umutsima gusa ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana." Mt 4:4

Aya magambo Yesu yasubije agaragara mu Guteg. 8:3. Yesu yari azi neza amagambo ari mu gitabo cyo Gutegeka kwa 2 kandi azi neza ko ari amagambo y'IMANA

Nyuma y'icyo kigeragezo, dore uko Matayo akomeza atubwira iby'iyi nkuru: **Maze umwanzi amujyana ku murwa wera, amuhagarika ku gasongero k'urusengero aramubwira ati Niba uri umwana w'IMANA ijugunye hasi kuko handitswe ngo: izagutegekera abamarayika bayo bakuramire mu maboko yabo ngo udakubita ikirenge ku ibuye. Mt 4:5-6**

Dore ukuntu umwanzi nawe azi Bibiliya! Yari azi ibyanditswe muri Zaburi 91:11-12, maze arabicurikiranya. Icyi bakita ikigeragezo cyo mu buryo bw'umwuka; kuri Eva ni ukuntu yabonye kurya ku mbuto bimugira umunyabwenge udasanzwe.(Itang. 3:6) Ku bakristo ni ubwibone bw'ubuzima…(1Yoh 2:6)

Yesu aramusubiza ati: "Kandi handitswe ngo Ntukageragereze Uwiteka Imana yawe".Mt 4:7

Aya magambo Yesu yasubije, tuyasanga mu Gutegeka kwa kabiri 6:16; ikigeragezo cya gatatu ni icyo mu bitekerezo; nubwo Yesu yamusubije gutyo umwanzi ntiyacitse intege; dore uko Bibiliya ikomeza ivuga: **Umwanzi arongera amujyana mu mpinga y'umusozi muremure cyane, amwereka ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabwo aramubwira ati: Biriya byose ndabiguha nupfakama ukandamya. Mt 4:8-9**

Satani yeretse Yesu ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabwo: iki ni ikigeragezo cyo mu bitekerezo. Umuntu yifuza gutegeka. Eva nawe iki kigeragezo cyamugezeho: … kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana mukamenya

icyiza n'ikibi. Itang 3:5. Abenshi muri twe bagushwa n'iki kigeragezo ariko umva uko Yesu yasubije Satani: **Yesu aramubwira ati: Genda Satani kuko haranditswe ngo Uramye Uwiteka Imana yawe abe ariyo ukorera yonyine. Mt 4:10.**

Aha ho Yesu yasubiyemo amagambo dusanga mu Gutegeka kwa kabiri 6:13 ndetse na 4:20. Nshuti yanjye witegereje neza urasanga Yesu yaragiye asubirisha ibyanditswe byera, kandi ntakabuza biriya bifite ubutumwa bitubwira. Kuki abantu benshi bafite ibibazo by'ubuzima bw'ubukristo bwabo? Umuntu ashobora kuvuga rwose ko biterwa no kutamenya ijambo ry'IMANA. Niwitegereza neza urasanga ko Yesu yasubizaga yifashishije ijambo ry'IMANA . Nizera neza ko ijambo ry'Imana rifite igisubizo cy'ikibazo cyawe muburyo bw'umwihariko. Ibyo ariko ntibivuze ko njye nzi ibibazo byawe; ntibinavuze ko n'abanyabwenge bafite ubumenyi bwihariye ku mibereho y'abantu, bazi ibibazo byawe! Oya ariko IMANA ifite igisubizo cy'ikibazo cyawe, kandi gihishe mu ijambo ryayo. Iyo niyo mpamvu nyamukuru tugomba kumenya neza iki gitabo ari cyo Bibiliya.

Reka duse nabasubiramo igisubizo Yesu yasubije Satani igihe cyose inyuma y'ijambo: Ntiyigeze avuga ngo urabonaaaa, doreeee ,noneeee ndatekereza ko ari byiza kubikora gutyo. Yavuze yeruye ati ijambo ry'IMANA rivuga gutya, rivuga gutya kandi k'umwana w'IMANA ibyo birahagije.

Icyakora umwanzi agaragara nkutekereza ko, Ijambo ritanga igisubizo cyiza kuko kumurongo ukurikiyeho dusoma gutya ngo: **umwanzi aherako aramureka maze haza abamalayika baramukorera.Mt 4:11**

Mu butumwa bwiza bwa Luka 4:13 ho haranditse ngo; umwanzi aramureka amutega ikindi gihe. Ndatekereza ko yaje mu minsi yakurikiyeho, kandi agakomeza ku mugerageza kubijyanye n'ubuzima bwe. Cyane cyane twitegereje ibigeragezo byo mu murima wa Getsemani, aho Yesu yagize imibabaro myinshi cyane. Reka noneho duse n'abasubiramo byose mu magambo make mu buzima bwa Yesu kandi tubone neza n'ibyo yigisha:

Ubwa mbere na mbere twabonye ko Yesu yavutse ari umwami, yerekanywe ari umwami, yabatijwe ari umwami kandi nanone tubona ko yageragejwe ari umwami. Ibyo Matayo amuvugaho byose abibamo nk'umwami.

Uku kugeragezwa kwe kwahishuraga ibintu byinshi: kimwe muri ibyo; nuko umwanzi ari umuntu. Muguhura na Yesu yamufashe nk'umuntu. Iki ni igisubizo k'umuntu wese wemera Bibiliya, umufiteho ikibazo kuko batekereza ko umwanzi(Devil) atabaho, ahubwo ko aza mubyuzuye umutima w'umuntu.

Kandi tubona uburyo Satani agoreka ijambo ry'IMANA: ubwa mbere yaravuze ngo : niba uri Umwana w'IMANA hindura aya mabuye imitsima(umurongo wa 3). Muyandi magambo ni nko kuvuga ngo erekana ko uri umwana w'IMANA; ariko by'ukuri izo sizo nzira z'IMANA gukora gutyo. Gusa Yesu yaranesheje ntago umwanzi yamubashije ngo amukoreshe icyaha. Kuri we

kari akageragezo k'amafuti, kuko Yesu yicishaga bugufi, kandi n'intego ye ari ugukora icyiza gusa. Kuko umutsima ari ikintu cy'ingenzi gitunga umubiri, guhindura amabuye imitsima cyakagombye kuba cyari ikintu cyiza, kandi tuzabona ko nyuma yahongaho, Yesu ari mu murimo w'ivugabutumwa yaje gutubura imitsima agaburira abantu benshi. Ariko ubundi amagambo ya Satani yari ayo koshya Yesu ngo, akore ibihabanye n'ubushake bw'IMANA.

Ikindi tubona nuko mu gihe umwanzi yamugeragezaga, Umwami Yesu yasubirishije ijambo ry'IMANA. Mu yandi magambo yasubirishije inkota y'umwuka(soma Efeso 6:17) ngo ineshe umwanzi w'IMANA, n'uw'abantu. Igihe cyose yajyaga gusubiza yabanzaga kuvuga ngo "HANDITSWE NGO". Yoooo, iyaba natwe twajyaga dusubirisha umwanzi wacu ijambo ry'IMANA, ariyo nkota y'Umwuka niyo ntwaro yacu n'uyu munsi, kandi idufasha kunesha ibitugerageza.

Iyindi ngingo ishimishije nuko Yesu yagiye akoresha amagambo dusanga mu Gutegeka kwa 2. Icya kabiri nuko Umwanzi yashakaga ko Yesu aba umukuru w'idini ukora ibitangaza, ariko bikaba mu buryo butandukanye nuko IMANA yabiteguye. Ubwo buryo Satani yashakaga ni UMUSARABA WA KRISTO. Muri iki gihe cya none hari ibyitwa ubukristo butari bwo, kuko bushyira ku ruhande umusaraba wa Kristo. Umwanzi yashukaga Yesu kuba ukomeye mu ITORERO biciye mu gukora igitangaza.

Muvandimwe, biteye ubwoba cyane ibyo muri iyi minsi byo gukurikira ibitangaza; aho abantu benshi birirwa biruka inyuma y'abakora ibitangaza. Ntabwo nzi impamvu abantu birirwa babyiruka inyuma, kandi ubushakashatsi bwaragaragaje ko atari n'ibitangaza nyakuri; kenshi babivuga ari nta nibihari; ariko abantu bakabakurikira kubera amarangamutima gusa. umukozi w'Imana Mc Gee wo mu majyepfo ya Calfornia, yatanze amadolari 100 ku muntu wese uzaza akerekana neza ko ibyo bitangaza biba. Ariko aza gutangazwa n'ukuntu haje abantu batarenze batatu. Byari byaramenyekanye cyane muri rubanda ko bakize, bagatekereza ko Mc Gee yayobye kuko we atizeye ko bakize, kandi koko Mc Gee ntiyabyemeye rwose. Ariko ntihagire unyumva nabi rwose nemera ko IMANA ikiza indwara, nkanemera rwose ko iyo ukize ujya kwisuzumisha mu baganga, ngo urebe koko ko wakize. Ubundi iyo ufite indwara ikomeye ku buzima bwawe ntujya kureba umuganga ubonetse wese, ahubwo ujya kwa muganga kabuhariwe kandi wabugenewe kundwara urwaye. Nigeze kurwara bikomeye cyane hanyuma mfata ikibazo cyanjye nkigeza ku muganga w'umuhanga mubwira uko bimeze. Nemera kumusanga, kurusha uko nakwemera ibyo byitwa ibitangaza kandi atari byo. Ntabwo rero Yesu ari we wari kuba umunyadini ukomeye mu nzira Satani yashakagamo, kandi ibyo biranejeje rwose.

Reba ukuntu umwanzi nawe yaje yitwaje ibyanditswe! Yaravuze ngo: Kuko azategekera abamalayika be ngo bazakuramire mu maboko yabo ngo udakubita ikirenge ku ibuye, (Zab 91,11-12). Umwanzi yari azi neza ibyanditswe rwose ariko ntabivuge uko biri neza. Umwanditsi witwa Shakespeare yaravuze ngo Umwanzi akoresha ijambo ry'IMANA kubw'inyungu ze akarigoreka kugira ngo agere ku ntego ye. Umwanzi yirengagije amagambo amwe dusanga muri iyi Zaburi ya 91: "**Ngo bakurindire mu nzira zawe**", nyamara ni igice cy'ingenzi cyane muri

uyu murongo. Satani yashakaga ukuntu yakwigarurira Yesu, akamwibagiza ijambo ry'IMANA. Nshuti yanjye si ubushake bw'IMANA buri gihe gukora ikintu cy'igitangaza mu buzima bwanjye, cyangwa ubuzima bwawe. Ntidutekereza ko mugihe cyacu dushobora gusunika IMANA gukora ikintu runaka, ngo buri gihe gihore gikoreka kuko itandukanye n'umukozi wakoresha, ukamubwira uko agukorera ibintu byawe; igihe cyose agakora uko umubwiye, n'igihe ubimubwiriye; ibyo ntibyakunda rwose. Imana isumba byose, kandi natwe twaremwe nayo ngo dukore ugushaka kwayo, kandi dukwiriye kwita kubashake bwayo kurusha uko twakwita ku bushake bwacu.

Ikindi kintu mu igeragezwa gituma tutareka kuvuga; ni ukuntu Umwanzi yashyize imbere ya Yesu ubwami bwose bw'isi! Ese umwanzi afite ubwami bw'isi yatanga? Tekereza ko hari uwaboneka akagutanga gusubiza, ariko reka nguhe igisubizo kandi nabikoreye ubushakashatsi cyane. Yesu ntiyirushya mu magambo ye ko hari ubwami bwo mu isi yari afite bwo gutanga; ariko Yesu ntiyigeze avuga ati: Ntushobora kubumpa nawe utabwifitiye. Ndatekereza ko Umwanzi koko yari abufite. Ibi biraduha ishusho y'ibitugora muri iyi si ya none, Umwanzi atuma abantu bagira ibyo birukira byinshi. Haba imiyoborere ibaho ihishe ikibi inyuma yayo, ariko abakristo benshi ntibahumuke, ngo babibone. Dukwiriye gutekereza Satani turwana na we, tukamenya ko ari umwuka, kandi yifuza kwigira nk'Imana. Wibuke ukuntu yabwiye Yesu: Ngo biriya byose ndabiguha niwemera kumpfukamira ukandamya!

Kumurongo wa 11 hatubwira ko nyuma y'ikigeragezo cya 3 Umwanzi yaretse Yesu akagenda ngo akamutega ikindi gihe, ibyo bikumvikanisha ko ataretse Yesu ibihe byose, ahubwo yajyaga agaruka kumugerageza.

Ariko se mbere yuko dutandukana nawe uyu munsi nshuti yanjye wankurikiye: iyo ugeragejwe wibuka kurwanisha ijambo ry'IMANA? Muri ryo, harimo igisubizo cy'ikibazo cyose wahura nacyo.

Isengesho

Mwami Yesu ndakwinginze go uduhe imbaraga zo kurwanya Satani nk'uko wabikoze, kandi ukamunesha. Uduhe gusobanukirwa ko tudashobora gutsinda ibigeragezo bye mu gihe tudafata umwanya wo gusoma Ijambo ryawe, kuko tubona ko igihe cyose yakugerageje, wamutsindishaga Ijambo ryawe. Ntidukeneye kwisoaura amagambo menshi, ntidukeneye ndetse n'izini ntwaro zo kumukubitisha, intwaro yacu izatuma, tumutsinda ni imwe yo nyine, kandi iyo nta yindi ni Bibiliya, Ijambo ryawe. Ndagushimiye ko watubereye urugero rwiza rwo kugeragezwa, kugira ngo werekane ko wari Umwana w'Imana koko, kuko nta kigeragezo na kimwe cya Satani kigeze kigutsinda. ngaho tuneshereze na twe mu izina rya we Yesu, amen!

Ndagushimiye cyane nshuti yanjye twabanye muri iki kiganiro, reka nkurarikire kuzabana na njye ubutaha, nzakuganiriza uburyo Yohana Umubatiza akimara gufungwa, Yesu Kristo nawe yahise atangira umurimo we wo kuvuga Ubutumwa. Imana iguhe umugisha.